UMUTWE WA VI: UBURYO BWO GUSUZUMA KO BANKI IFITE IMARI SHINGIRO IHAGIJE (ICAAP)

Ingingo ya 30: Inshingano

1° Banki igomba kumenya ibyayiteza ingorane, kubicunga no guhangana na byo. Ikurikije ibi isabwa, banki ishyiraho uburyo bwo gusuzuma ko ifite imari shingiro ihagiye ugereranyije n'ibyayiteza ingorane igashyiraho n'ingamba zo gubungabunga ibipimo by'imari shingiro yayo. Intego banki yihaye zerekeye imari shingiro zigomba kuba zumvikana neza kandi zihuje n'intego zayo, icyegeranyo cy'ingorane yagira n'ibihe kigezweho banki iri gukoreramo.

CHAPTER VI: INTERNAL CAPITAL ADEQUACY ASSESSMENT PROCESS (ICAAP)

Article 30: Responsibilities

1° A bank must identify the risks to which it is exposed and manage and mitigate those risks. Consistent with that requirement, a bank must have an ICAAP for assessing its overall capital adequacy in relation to its risk profile and a strategy for maintaining its capital levels. The bank's chosen internal capital targets must be well founded and consistent with its business strategies, overall risk profile and current operating environment.

CHAPITRE VI: LES PROCEDURES INTERNES D'ÉVALUATION DE L'ADÉQUATION DU CAPITAL (ICAAP)

Article 30: Responsabilités

1° La banque doit identifier les risques auxquels elle est exposée, gérer et atténuer ces risques. Conformément à cette exigence, une banque doit disposer d'un ICAAP pour évaluer si son capital est adéquat comparaison faite à son profil de risque et disposer d'une stratégie pour maintenir ses niveaux de capital. Les objectifs de capital interne de la banque choisis doivent être bien fondés et conformes à ses stratégies d'affaires, à son profil de risque global et à son contexte opérationnel actuel.

2° Banki igomba gushyiraho ingamba n'uburyo bifatika, bikora neza kandi ku buryo bwimbitse bwo gusuzuma no kugumana ku buryo buhoraho amafaranga, ubwoko n'isaranganywa ry'imari shingiro banki ibona ihagije mu kwikingira ibyayiteza ingorane biriho cyangwa byavuka. Izo ngamba n'uburyo bigomba guhora bikorerwa isuzuma hagamijwe kureba ko bigikomeje gukurikizwa kandi bijyanye n'ubwoko, ubukana n'urusobe rw'ibikorwa bya banki bireba.

2° A bank must have in place sound, effective and comprehensive strategies and processes to assess and maintain on an ongoing basis the amounts, types and distribution of internal capital that it considers adequate to cover the nature and level of the risks to which it is or might be exposed. Those strategies and processes shall be subject to regular internal review to ensure that they remain comprehensive and proportionate to the nature, scale and complexity of the activities of the bank concerned.

2° Une banque doit mettre en place des stratégies et des processus solides, efficaces et compréhensifs pour évaluer et maintenir en permanence les montants, les types et la répartition du capital interne qu'elle estime adéquats pour couvrir la nature et le niveau des risques auxquels elle est exposée ou pourrait être exposée. Ces stratégies et processus font l'objet d'un examen interne régulier afin de s'assurer qu'ils restent compréhensifs et proportionnels à la nature, à l'ampleur et à la complexité des activités de la banque concernée.

UMUTWE WA VII: INGAMBA ZIHUTIRWA ZIGAMIJE GUKOSORA BANKI NKURU IGOMBA GUFATA

CHAPTER VII: MANDATORY PROMPT CORRECTIVE ACTIONS BY THE CENTRAL BANK

CHAPITRE VII : ACTIONS RAPIDES CORRECTIVES QUE LA BANQUE CENTRALE DOIT ACTIVER

Ingingo ya 31: Ingamba zihutirwa zigamije gukosora zifatirwa banki ifite imari shingiro ihagije igana mu gihombo

Article 31: Prompt corrective actions applicable to an adequately capitalized bank which is likely to incur a loss

Article 31: Actions rapides correctives applicables à une banque adéquatement capitalisée tendat à encourir une perte

Iyo Banki Nkuru ibona ko banki ifite imari shingiro ihagije ishobora kugira igihombo cyatuma igira imari shingiro idahagije, cyangwa se ikora umurimo w'amabanki mu buryo budahwitse, Banki Nkuru igomba gufata ibyemezo bikurikira:

Where in the opinion of the Central Bank, an adequately capitalized bank is likely to incur a loss which may result in it becoming undercapitalized, or is otherwise conducting its business in an unsound manner, the Central Bank must:

Lorsque dans l'opinion de la Banque Centrale, une banque adéquatement capitalisée risque de subir une perte qui pourrait entraîner une sous-capitalisation ou qu'elle exerce ses activités de manière non conforme, la Banque Centrale doit:

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

1° kumenyesha no gusaba banki guha Banki Nkuru, hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki, gahunda yanditse yo gukosora ibibazo byagaragaye kandi iyo gahunda igomba:

- a) kugaragaza neza intege nke mu mikorere mu buyobozi cyangwa imikorere ya banki;
- b) kugaragaza mu buryo burambuye ingamba zikenewe mu gukosora ahagaragaye izo ntege nke no gukumira ibihombo banki yagira mu gihe kiri imbere;
- c) gutanga gahunda nyakuri y'igihe izo ngamba zizashyirirwa mu bikorwa;

1° notify and require the bank to submit to the Central Bank in accordance with the law concerning organization of banking, within such period specified by the Central Bank, a written plan of corrective action which:

- a) identifies the existing weaknesses in the administration or operations of the bank;
- b) determines in detail the corrective measures required to remedy such weaknesses and avert future losses;
- c) offers a realistic timetable for taking such measures; and

1° notifier et demander à la banque de soumettre à la Banque Centrale, conformément à la loi portant organisation de l'activité bancaire, dans un délai déterminé par la Banque Centrale, un plan écrit de mesures correctives qui:

- a) identifie les faiblesses existant dans l'administration ou les opérations de la banque;
- b) détermine en détail les mesures correctives nécessaires pour remédier à ces faiblesses et éviter les pertes futures;
- c) propose un calendrier réaliste pour la prise de telles mesures; et

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

- | | | |
|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|-----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| <p>2° kubuza banki kumenyekanisha no kwishyura inyungu ku migabane, iyo Banki Nkuru ibona ko bishobora gutuma banki inanirwa kubahiriza ibisabwa byerekeye kugira imari shingiro ihagije biteganywa muri aya mabwiriza rusange;</p> | <p>2° prohibit the bank from declaring and paying any dividends, which would, in the opinion of the Central Bank, likely cause the bank failure to comply with the capital requirements prescribed under this Regulation;</p> | <p>2° interdire à la banque de déclarer et de payer des dividendes, ce qui, de l'avis de la Banque Centrale, peut entraîner la non-conformité de la banque aux exigences de capital prescrites dans le présent règlement;</p> |
| <p>3° kongera ubugenzuzi no gukurikiranira hafi banki hakurikijwe amahame y'ubugenzuzi bw'amabanki bwibanda ku gucukumbura ibyateza ingorane;</p> | <p>3° intensify its oversight and monitoring of the bank in accordance with the principles of risk based supervision;</p> | <p>3° intensifier ses opérations de surveillance et de suivi de la banque conformément aux principes de supervision de detection de risques;</p> |
| <p>4° gusaba abayobozi n'ubuyobozi bwa banki gutanga ibisobanuro byanditse bigaragaza mu buryo burambuye ibyateye igihombo n'ingamba banki yiteguye gushyiraho kugirango ikosore uko ihagaze kandi yirinde ibindi bihombu mu gihe kiri imbere;</p> | <p>4° require the directors and/or management of the bank to provide a written explanation detailing the causes of the losses and the measures to be taken by the bank to rectify the position and avert future losses;</p> | <p>4° exiger aux administrateurs et / ou des directeurs de la banque de fournir une explication écrite détaillant les causes des pertes et les mesures à prendre par la banque pour remédier à la situation et éviter les pertes futures;</p> |
| <p>5° gusaba banki kugira igipimo cy'imari shingiro cyihariye iyo bigaragara ko banki ishobora cyane guhura n'ingorane zaterwa n'uko isoko rihagaze.</p> | <p>5° require the bank to have specific capital adequacy ratio when it has higher market risk.</p> | <p>5° exiger à la banque de disposer d'un ratio de solvabilité spécifique lorsqu'elle a un risque de marché plus élevé.</p> |

Ingingo ya 32: Ingamba zihutirwa zigamije gukosora zifatirwa banki ifite imari shingiro idahagije

Igihe ibona ko banki ifite imari shingiro idahagije, Banki Nkuru igomba gukora ibi bikurikira:

1° kubuza banki kumenyekanisha no kwishyura inyungu ku imigabane, kwimura amafaranga ava ku nyungu cyangwa ku mari shingiro cyangwa kuyohereza ahandi hatari kuri konti igenewe kubika igice cy'inyungu, iyo inyungu ku migabane, kwimura amafaranga cyangwa kuyohereza ahandi bishobora gutuma banki iba itagishoboye kuzuza ibisabwa byerekeye imari shingiro;

2° gusaba iyo banki gutanga mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) ibarwa uherye ku munsu ibimenyeshyewe, gahunda yo kuvugurura imari shingiro isobanura ibi bikurikira:

a) ibizakorwa na banki kugirango igire imari shingiro ihagije;

Article 32: Prompt corrective actions applicable to an undercapitalized bank

When in the opinion of the Central Bank, a bank is undercapitalized, the Central Bank must:

1° prohibit the bank, at any time to declare or pay any dividend, make any transfer from profits or capital or make any other distributions other than to a reserve account, if the dividend, payment, transfer or distribution is likely to result in the bank's failure to meet its capital requirements;

2° require the bank to submit to the Central Bank within ten (10) days counted from the date of such notification, a capital restoration plan which specifies the following:

a) steps to be taken by the bank to become adequately capitalized ; and

Article 32: Actions rapides correctives applicables à une banque sous-capitalisée

Lorsqu'elle considère qu'une banque est sous-capitalisée, la Banque centrale doit :

1° Interdire à la banque, à tout moment, de déclarer ou de payer une dividende, de procéder à tout transfert de bénéfices ou de capital ou de faire d'autres distributions autres que celles opérées vers un compte de réserve, si la dividende, le paiement, le transfert ou la distribution est susceptible de causer la défaillance de la banque de satisfaire à ses exigences de capital;

2° exiger à la banque de soumettre à la Banque Centrale dans les dix (10) jours à compter de la date de ladite notification, un plan de restructuration du capital qui précise ce qui suit:

a) les étapes à prendre par la banque pour être adéquatement capitalisée; et

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

- | | | |
|-----------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------|----------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| b) urugero imari shingiro igomba kuba igezeho buri gihembwe iyo gahunda izaba ishyirwamo mu bikorwa | b) the levels of capital to be attained during each quarter in which the plan will be in effect . | b) les niveaux de capital devant être atteints au cours de chaque trimestre, pendant lequel le plan sera en vigueur. |
| 3° kubuza banki gufungura amashami mashya; | 3° prohibit the bank from opening new branches; | 3° interdire à la banque d'ouvrir de nouvelles branches; |
| 4° gushyiraho amabwiriza ibona akwiye abuza kongera imitungo cyangwa imyenda bya banki; | 4° impose restrictions on growth of assets or liabilities of the bank as it shall deem fit. | 4° imposer des restrictions qu'elle juge appropriées à la croissance de l'actif ou des dettes de la banque. |

Ingingo ya 33: Ingamba zihutirwa zigamije gukosora zifatirwa banki ifite igabanuka rikabije ry'imari shingiro

Igihe ibona ko banki ifite igabanuka rikabije ry'imari shingiro, Banki Nkuru igomba gukora ibi bikurikira:

- 1° gufatira iyo banki kimwe cyangwa byose mu byemezo byose biteganyijwe mu ngingo ya 31 n'ya 32 z'aya mabwiriza rusange;

Article 33: Prompt corrective actions applicable to a significantly undercapitalized bank

Where in the opinion of the Central Bank, a bank is significantly undercapitalized, the Central Bank must:

- 1° Take any or all the measures prescribed in articles 31 and 32 of this Regulation;

Article 33: Actions rapides correctives applicables à une banque significativement sous-capitalisée

Lorsqu'elle estime que la banque est significativement sous-capitalisée, la Banque Centrale doit :

- 1° Prendre une ou toutes les mesures prévues aux articles 31 et 32 du présent règlement;

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

2° kubuza iyo banki ibikorwa byose yagirana n’abantu bafitanye isano na yo ndetse n’abantu bafitanye amasano ubwabo uretse igihe bishyura banki amafaranga asigaye ku nguzanyo bahawe cyangwa ibindi bikorwa banki yemerewe by’umwihariko ngo ivugurure imari shingiro;

3° kubuza banki gutanga amashimwe no kongera imishahara, n’ibindi bihembo ku bagize inama y’ubuyobozi, ku bayobozi bakuru n’abakozi ba banki.

2° Prohibit all transactions with its related parties and connected parties except repayment to the bank of any outstanding credit accommodation or any transaction specifically permitted by the Central Bank to facilitate recapitalization;

3° Prohibit the bank from awarding any bonuses or increments in the salary, emoluments and other benefits of its directors, managers and officers.

2° Interdire toute transaction avec des parties apparentées à la banque et des personnes liées entre elles, exception faite au remboursement à la banque de toute somme de crédit restant due ou de toute opération spécifiquement autorisée par la Banque Centrale pour faciliter la recapitalisation;

3° Interdire à la banque d'attribuer des primes ou des augmentations du salaire, des émoluments et autres avantages de ses administrateurs, gestionnaires et agents.

Ingingo ya 34: Ingamba zihutirwa zigamije gukosora zifatirwa banki ifite imari shingiro iri mu marembera

Iyo Banki Nkuru ibona ko banki ifite imari shingiro iri mu marembera, Banki Nkuru igomba:

1° gushyiraho intumwa idasanze ishingiyeye ku itegeko rigena imitunganyirize y’imirimo y’amabanki kandi iyo ntumwa ikagira ubushobozi bwo kongera gutunganya banki;

Article 34: Prompt corrective actions applicable to a critically undercapitalized bank

Where in the opinion of the Central Bank a bank is critically undercapitalized, the Central Bank must:

1° Appoint a special commissioner in accordance with law concerning organization of banking with the power to reorganize the bank; or

Article 34: Actions rapides correctives applicables à une banque critiquement sous-capitalisée

Lorsque la Banque centrale estime qu’une banque est critiquement sou-capitalisée, la Banque Centrale doit:

1° Nommer un commissaire spécial conformément à la loi relative à l’organisation de l’activité bancaire avec le pouvoir de réorganiser la banque; ou

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

2° gutegeka iseswa rya banki hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki.

2° Order the liquidation of the bank in accordance with law concerning organization of banking.

2° Ordonner la liquidation de la banque conformément à la loi portant organisation de l'activité bancaire.

Ingingo ya 35: Izindi ngamba zihutirwa Banki Nkuru ishobora gufata mu bushishozi bwayo

Article 35: Discretionary prompt corrective actions by the Central Bank

Article 35: Actions rapides correctives discrétionnaires par la Banque Centrale

Uretse ibyemezo biteganywa mu ngingo iya 31, iya 32, iya 33 n'iya 34 z'aya mabwiriza rusange, Banki Nkuru ishobora kandi:

In addition to any actions prescribed in articles 31, 32, 33 and 34 of this Regulation, the Central Bank may:

En plus des mesures prévues aux articles 31, 32, 33 et 34 du present règlement, la Banque Centrale peut:

1° gufatira banki ibihano byo mu rwego rw'amafaranga;

1° impose pecuniary sanctions

1° imposer des sanctions pécuniaires;

2° gutegeka banki guhagarika ibikorwa byayo;

2° issue cease and desist orders; or

2° émettre des ordres de cesser et de désistement; ou

3° gutangiza ibikorwa byo guhagarika cyangwa gukuraho uri mu nama y'ubuyobozi uwo ari we wese, umuyobozi mukuru cyangwa umukozi wa banki cyangwa abandi bantu bari mu myanya y'ubuyobozi;

3° initiate suspension or removal of any director, manager, officer or other person or persons in the position of management;

3° engager la suspension ou la révocation de tout administrateur, gestionnaire, dirigeant ou tout autre personne ou personnes occupant un poste de direction;

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

4° gushyiraho intumwa idasanzwe hakurikijwe itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki izakora:

- a) kugira inama no gufasha banki gutegura no kubahiriza gahunda yo gusubiza imari shingiro mu buryo;
- b) kugeza buri gihe kuri Banki Nkuru raporo y'aho iyo gahunda igeze;
- c) gufata ibindi byemezo byatuma banki yuzuza ibisabwa na Banki Nkuru.

5° gufata izindi ngamba izo ari zo zose Banki Nkuru ibona ko zikwiye hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki n'amabwiriza rusange.

4° appoint in accordance with the law concerning organization of banking, a special commissioner who shall:

- a) advise and assist the bank in designing and implementing the capital restoration plan; and
- b) regularly submit to the Central Bank a progress report of the plan;
- c) Adopt any other measure to enable the bank to comply with the Central Bank's requirements.

5° Take any other action which the Central Bank may deem appropriate in accordance with the provisions of the law concerning organization of banking and regulations.

4° Nommer, conformément à la loi portant organisation de l'activité bancaire, un commissaire spécial qui doit:

- a) Conseiller et assister la banque dans la conception et la mise en œuvre du plan de restauration du capital; et
- b) Soumettre régulièrement à la Banque Centrale un rapport d'état d'avancement du plan;
- c) Adopter toute autre mesure permettant à la banque de se conformer aux exigences de la Banque Centrale.

5° Prendre toute autre mesure que la Banque Centrale pourra juger appropriée conformément aux dispositions de la loi portant organisation de l'activité bancaire et les règlements.

**UMUTWE WA VIII: IBISABWA
BYEREKEYE GUTANGA RAPORO**

Ingingo ya 36: Ibisabwa mu gutanga raporo

Amabanki agomba gutanga raporo ku bwihaze ku mari shingiro mu buryo no mu gihe bishyirwaho n'amabwiriza ya Banki Nkuru.

Bitabangamiye ibirebana na raporo zisabwa zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Banki Nkuru ifite uburenganzira bwo kwinjira, mu buryo butaziguye, mu bubiko bw'amakuru abitswe na banki.

Ingingo ya 37 : Igenzura ry'amakuru yatanze muri raporo ya banki rikorwa n'umugenzuzi

Umugenzuzi wa banki uturutse hanze yishingira ko amakuru atanzwe na banki muri raporo hakurikijwe aya mabwiriza rusange ari ukuri kandi akwiye.

**UMUTWE WA IX: IBYEREKERANYE
N'IBIHANO**

Ingingo ya 38: Ishingiro ry'ibihano

**CHAPTER VIII: REPORTING
REQUIREMENTS**

Article 36: Reporting requirements

Banks shall submit capital adequacy reports in prescribed formats and timelines in accordance with the directive issued by the Central Bank.

Without prejudice to the reporting requirements specified in paragraph One of this Article, the Central Bank reserves the right to direct access to information maintained in the data base of a bank.

Article 37: Auditor's review of the information reported by the bank

The external auditor of a bank shall provide assurance about the accuracy and quality of the information reported by the bank in accordance with this Regulation.

CHAPTER IX: SANCTIONS

Article 38: Grounds for sanctions

**CHAPITRE VIII: EXIGENCES
RELATIVES AUX RAPPORTS**

Article 36: Exigences relatives aux rapports

Les banques transmettent des rapports sur l'adéquation du capital dans les formats et délais prescrits dans la directive de la Banque Centrale.

Sans préjudice aux exigences de rapports tels que spécifiés dans l'alinéa premier de cet article, la Banque Centrale se réserve le droit d'accès direct aux informations maintenues dans la base de données d'une banque.

Article 37 : Verificastion d'informations contenues dans les rapports des banques par un auditeur

L'auditeur externe d'une banque assure que les informations contenues dans les rapports de la banque conformément au présent règlement sont correctes et de qualité.

CHAPITRE IX : DES SANCTIONS

Article 38 : Fondement pour des sanctions

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

Banki Nkuru ishobora, yongera ku ngamba zihutirwa zigamije gukosora ziteganyijwe mu mutwe wa VII w'aya mabwiriza rusange, gufatira iyo banki ibihano bishingiye ku mafaranga cyangwa ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 39 n'ya 40 z'aya mabwiriza rusange, iyo habaye kimwe cyangwa byombi muri ibi bikurikira:

1° iyo banki, abari mu nama y'ubuyobozi cyangwa abayobozi ba banki banyuranyije n'aya mabwiriza rusange babigambiriye, kubera uburangare cyangwa ku buryo bugaragara bigatuma cyangwa bikaba byashoboraga gutuma haba ibibazo kuri banki cyangwa bikabangamira inyungu z'ababikije amafaranga yabo muri iyo banki, iz'abo banki ifitiye imyenda cyangwa inyungu rusange za rubanda; na/cyangwa

2° iyo banki, abari mu nama y'ubuyobozi cyangwa abayobozi batubahiriza amabwiriza n'ibisabwa mu gutanga raporo biri muri aya mabwiriza rusange.

The Central Bank may, in addition to prompt corrective actions provided for in chapter VII of this Regulation, impose the administrative sanctions and pecuniary sanctions in accordance with article 39 and article 40 of this Regulation, in one or both of the following cases:

1° where a bank, its directors or managers violate any provision of this Regulation in a willful, negligent or flagrant manner which results, or threatens to result, in an unsafe or unsound condition of the bank or that threatens the interests of depositors, creditors or the general public; and/or

2° where a bank, its directors or managers fail to comply with the instructions and reporting requirements specified in this Regulation.

Banque Centrale peut, au delà des actions rapides correctives applicables telles que prévues au chapitre VII du présent règlement, imposer des sanction pécuniaires ou administratives, conformément à l'article 39 et à l'article 40 du présent règlement, dans l'un ou et/ou l'autre des cas suivants:

1° lorsqu'une banque, ses directeurs ou ses gérants violent une disposition du présent règlement d'une manière délibérée, négligente ou flagrante qui résulte ou menace de résulter en des conditions critiques d'une banque ou qui est de nature à compromettre les intérêts des déposants, ceux des créanciers ou d'intérêt publique; et/ou

2° lorsque la banque, ses directeurs ou ses gérants ne se conforment pas aux instructions et aux exigences relatives aux rapports telles que spécifiés dans le présent règlement.

Ingingo ya 39: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi

Uretse ibyemezo bigamije gukosora biteganyijwe mu mutwe wa VII w'aya mabwiriza rusange, Banki Nkuru ishobora gufatira banki, abagize inama y'ubuyobozi yayo, abayobozi cyangwa abakozi bayo kimwe cyangwa byinshi mu bihano byo mu rwego rw'ubutegetsi bikurikira:

- 1° kwihanangiriza banki;
- 2° guha banki itegeko riyisaba guhagarika no kureka ibikorwa runaka no gufata ibyemezo byo gukosora ibitubahirijwe ndetse n'indi mikorere n'uburyo banki imeze bitanoze;
- 3° kubuza banki kumenyekanisha no kwishyura inyungu ku imigabane, kwimura amafaranga ava ku nyungu cyangwa ku mari shingiro cyangwa kuyohereza ahandi hatari kuri konti igenewe kubika igice cy'inyungu, iyo inyungu ku migabane, kwimura amafaranga cyangwa kuyohereza ahandi bishobora gutuma banki iba itagishoboye kuzuza ibisabwa byerekeye imari shingiro;

Article 39: Administrative sanctions

In addition to the use of prompt corrective actions specified in chapter VII of this Regulation, the Central Bank may pursue any or all of the following administrative sanctions against the bank, its board of directors, managers or its officers:

- 1° issue a warning to the bank;
- 2° issue an order to the bank requiring it to cease and desist from particular actions and further to take affirmative actions to correct violations and any unsafe and unsound practices and conditions;
- 3° prohibit the bank, at any time to declare or pay any dividend, make any transfer from profits or capital or make any other distributions other than to a reserve account, if the dividend, payment, transfer or distribution is likely to result in the bank's failure to meet its capital requirements;

Article 39 : Sanctions administratives

En plus des mesures correctives spécifiées dans le chapitre VII du présent règlement, la Banque Centrale peut exercer une ou plusieurs sanctions administratives suivantes, ici-dessous, à l'encontre de la banque, de son conseil d'administration, de ses dirigeants ou du reste des employés:

- 1° donner un avertissement à la banque;
- 2° donner un ordre à la banque lui obligeant de cesser et de désister de certaines actions et de prendre des mesures positives pour corriger les violations et toutes les pratiques et conditions malsaines;
- 3° interdire à la banque, à tout moment, de déclarer ou de payer une dividende, de procéder à tout transfert de bénéfices ou de capital ou de faire d'autres distributions autres que celles opérées vers un compte de réserve, si la dividende, le paiement, le transfert ou la distribution est susceptible de causer la défaillance de la banque de satisfaire à ses exigences de capital;

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

- | | | |
|-------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------------|
| 4° kubuza iyo banki ibikorwa byose yagirana n'abantu bafitanye isano na yo ndetse n'abantu bafitanye amasano ubwabo uretse igihe bishyura banki amafaranga asigaye ku nguzanyo bahawe cyangwa ibindi bikorwa banki yemerewe by'umwihariko ngo ivugurure imari shingiro; | 4° prohibit all transactions with its related parties and connected parties except repayment to the bank of any outstanding credit accommodation or any transaction specifically permitted by the Central Bank to facilitate recapitalization; | 4° interdire toute transaction avec des parties apparentées à la banque et des personnes liées entre elles, exception faite au remboursement à la banque de toute somme de crédit restant due ou de toute opération spécifiquement autorisée par la Banque Centrale pour faciliter la recapitalisation; |
| 5° kubuza banki gutanga amashimwe no kongera imishahara, n'ibindi bihembo ku bagize inama y'ubuyobozi, ku bayobozi bakuru n'abakozi ba banki. | 5° prohibit the bank from awarding any bonuses or increments in the salary, emoluments and other benefits of its directors, managers and officers. | 5° interdire à la banque d'attribuer des primes ou des augmentations du salaire, des émoluments et autres avantages de ses administrateurs, gestionnaires et agents. |
| 6° guhagarika cyangwa gutegeka ivanwaho ry'abagize inama y'ubuyobozi, abakozi bo ku rwego rwo hejuru cyangwa abayobozi bakuru; | 6° suspend or require the removal of any directors, executive officers or managers; | 6° suspendre ou exiger la révocation de tout administrateur, directeur général ou gérant; |
| 7° kuryoza abari mu nama y'ubuyobozi, abakozi bo ku rwego rwo hejuru cyangwa abanyamigabane myinshi muri banki no kubasaba gusubiza ibintu mu buryo; | 7° hold personally liable and seek restitution from, as the law allows, any directors, executive officers or major shareholders of the bank; | 7° tenir personnellement responsable et demander la restitution, conformément à la loi, tout directeur, directeur général, ou actionnaire important de la banque; |

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

8° gutegeka abagize inama y'ubuyobozi gushyira muri banki amafaranga y'imari shingiro y'inyongera;	8° ordering the board of directors to inject additional capital funds;	8° exiger au Conseil d'administration d'injecter des capitaux supplémentaires;
9° guhagarika cyangwa kubuza banki gushyiraho amashami mashya;	9° suspension or prohibition to the bank from establishing new branches;	9° suspension ou interdiction à la banque d'établir de nouvelles branches;
10° Guhagarika banki kwiyagura mu bikorwa bishya bya banki cyangwa bijyanye n'imari;	10° suspension of expansion into new banking or financial activities;	10° La suspension de l'expansion de nouvelles activités bancaires ou financières;
11° guhagarika cyangwa kubuza banki uburenganzira bwo gutanga inguzanyo no gushora imari;	11° suspension or prohibition of lending, investment, and credit extension operations;	11° suspension ou interdiction d'effectuer les opérations de prêts, investissements et l'octroi de crédits;
12° kubuza banki kubona, binyuze mu kugura cyangwa gukodesha, imitungo itimukanwa y'inyongera;	12° prohibition from acquiring, through purchase or lease, additional fixed assets;	12° interdiction d'acquérir, par achat ou location, des biens immobiliers supplémentaires;
13° gushyiraho amabwiriza ibona akwiye abuza kongera imitungo cyangwa imyenda bya banki;	13° impose restrictions on growth of assets or liabilities of the bank as it shall deem fit;	13° imposer des restrictions qu'elle juge appropriées à la croissance de l'actif ou des dettes de la banque.
14° guhagarika cyangwa kubuza banki kwakira andi mafaranga abitswa cyangwa gufata inguzanyo;	14° suspension or prohibition from accepting further deposits or other lines of credit;	14° suspension ou interdiction de collecter d'autres dépôts ou d'accepter d'autres lignes de crédit ;
15° guhagarika banki gutanga inyandiko nyizezabwishyu cyangwa gutanga ingwate;	15° suspension of opening letters of credit or issuance of guarantees;	15° suspension d'ouverture de lettres de crédit ou émission de garanties;

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

16° guhagarikira banki kubona inguzanyo nshya muri Banki Nkuru;

17° guhagarika cyangwa kuvanaho uruhushya rwemerera banki gukora;

18° ikindi cyemezo icyo ari cyo cyose Banki Nkuru yabona ko gikwiye hitawe ku biteganywa n'itegeko rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki ndetse n'amabwiriza.

16° suspension of access to new credit facilities of the Central Bank;

17° suspend or revoke the bank's license;

18° any other measure deemed appropriate by the Central Bank in accordance with the provisions of the law concerning organization of banking and regulations.

16° la suspension de l'accès aux nouvelles facilités de crédit de la Banque Centrale ;

17° suspendre ou révoquer la licence de la banque ;

18° toute autre mesure jugée appropriée par la Banque Centrale conformément aux dispositions de la loi portant organisation de l'activité bancaire et des règlements.

Ingingo ya 40: Ibihano by'amafaranga

Mu gihe Banki Nkuru isanze banki itubahiriza aya mabwiriza rusange, ishobora gutanga kimwe cyangwa byose mu bihano byerekeye kwishyura amafaranga biteganywa n'amabwiriza rusange yerekeye ibihano by'amafaranga bihabwa amabanki.

Article 40: Pecuniary sanctions

When the Central Bank determines that a bank is not in compliance with this Regulation, it may impose any or all of the pecuniary sanctions prescribed in the regulation on pecuniary sanctions applicable to banks.

Article 40: Sanctions pécuniaires

Lorsque la Banque Centrale trouve qu'une banque n'est pas en conformité avec le présent règlement, elle peut imposer l'une ou l'ensemble des sanctions pécuniaires prévues au règlement relatif aux sanctions pécuniaires applicables aux banques.

**UMUTWE WA X: INGINGO
Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

Ingingo ya 41: Igihe cy'inzibacyuho

Amabanki ahawe igihe kitarenze amezi atandatu kugira ngo atangire kubahiriza aya mabwiriza bidasubirwaho, icyo gihe kibarwa uherye igihe atangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. Muri icyo gihe, banki zigomba kubahiriza amabwiriza rusange N° 11/2009 n'amabwiriza 03/2015 ya Banki Nkuru yerekeye ibisabwa ku mari shingiro.

Ingingo ya 42: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 41 y'aya mabwiriza rusange, Amabwiriza rusange N° 11/2009 n'amabwiriza 03/2015 ya Banki Nkuru yerekeye ibisabwa ku mari shingiro, n'izindi ngingo zose zayabanjirije kandi zinyuranye na yo bivanyweho.

**CHAPTER XI: TRANSITIONAL AND
FINAL PROVISION**

Article 41: Transition period

Banks are given six (6) months to fully comply with this Regulation, from the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. Within this period, banks shall comply with the regulation N° 11/2009 and the directive 03/2015 of the National Bank of Rwanda on capital requirements.

Article 42: Repealing provisions

Subject to the provisions of Article 41 of this Regulation, the regulation N° 11/2009 and the directive 03/2015 of the National Bank of Rwanda on capital requirements and all prior provisions contrary to this Regulation are hereby repealed.

**CHAPITRE XI : DISPOSITIONS
TRANSITOIRES ET FINALES**

Article 41: période transitoire

Les banques disposent d'un délai de six (6) mois pour se conformer complètement au présent règlement à compter du jour de sa publication au Journal Officielle de la Republique du Rwanda. Pendant cette periode, les banques doivent se conformer au règlement No 11/2009 et la directive 03/2015 de la Banque Nationale du Rwanda sur les exigences du capital.

Article 42 : Dispositions abrogatoires

Sous réserve des dispositions de l'article 41 du présent règlement, le règlement N° 11/2009 et la directive 03/2015 de la Banque Nationale du Rwanda sur les exigences du capital et toutes les dispositions antérieures contraires au présent règlement sont abrogés.

Official Gazette n ° Special of 26/05/2017

Ingingo ya 43: Itegurwa, isuzumwa n'iyemezwa ry'aya mabwiriza rusange

Aya mabwiriza rusange yateguwe, asuzumwa kandi yemezwa mu rurimi rw'icyongereza. Haramutse habaye ikibazo cyerekeranye no gusobanukirwa ingingo yayo iyo ari yo yose, ururimi rw'icyongereza ni rwo rwashingirwaho.

Ingingo ya 44: Igihe aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza rusange atangira gukurikizwa ku munsu atangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa 19/05/2017

(sé)

**RWANGOMBWA John
Guverineri**

Article 43: Drafting and consideration of this Regulation

This Regulation was prepared, considered and approved in English. Should there be any issue related to interpretation of any its provision, the English version is conclusive.

Article 44: Commencement

This Regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Done at Kigali, on 19/05/2017

(sé)

**RWANGOMBWA John
Governor**

Article 43: De l'initiation, examen et approbation

Le présent règlement a été initié, examiné et approuvé en Anglais. Au cas où il y aurait un problème d'interprétation de n'importe quelle disposition, la version anglaise est concluante.

Article 44 : Entrée en vigueur

Le présent règlement entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Fait à Kigali, le 19/05/2017

(sé)

**RWANGOMBWA John
Gouverneur**